21st Century Scholars

Babyeyi bafite abanyeshuri mu wa 7 n' uwa 8:
Abana banyu bakwemererwa kubona buruse muri koleji

Porogaramu ya Indiana's 21st Century Scholars iha amafaranga y' ishuri abanyeshuri bo muri Indiyana bafite umutungo ubibemerera (income-eligible) ku gihe cyagera ku myaka ine muri koreji cyangwa kaminuza ibyemerewe nyuma y' aho barangirije amashuri yisumbuye (high school), ibyo bigaterwa n' uko bakeneye ubufasha bw' amafaranga. Mu mashuri yisumbuye (middle na high school), abaScholar bakorana na porogaramu nyinshi kandi bashobora kubona amakuru yafasha gukomeza kumenya ibya za koleji n' iby'amahirwe mu kazi. Iyo bageze muri koleji, abaScholar babona ubufasha kugirango barangize koleji babone diporome maze bigatuma babona amahirwe y' akazi. Abanyeshuri bo muri Indiyana bari mu wa 7 n' uwa 8, bakaba bafite imiryango ifite umutungo ubibemerera bashobora gusaba kujya muri iyi porogaramu ya 21st Century Scholar. Ubusabe buzakirwa bitarenze tariki ya 30 Kamena y' umwaka umunyeshuri uri mu wa munani agezemo.

Nk' umuScholar, wiyemeje:

- ✓ Kuzuza ibisabwa muri iyi porogaramu ya Scholar Success Program mu mashuri tisumbuye (high school) na koleji, harimo ibikorwa muri buri cyiciro bigufasha gukomeza kumenya ibya za koleji n' iby'amahirwe mu kazi.
- ✓ umunyeshuri urangije mu ishuri ryisumbuye (high school) ryemewe na reta ufite byibura Diploma ya Core 40 n' impuzandengo y' amanota (GPA) byibura 2.5 kuri 4.0.
- ✓ Kuba adakoresha ibiyobyabwenge, adakora ibyaha (crime or delinquent act) cyangwa atanywa inzoga atara atarageza ku myaka yemererwa n' amategeko.
- ✓ Gutanga ubusabe butishyurwa (Free Application for Federal Student Aid-FAFSA) bitarenze tariki ya 15 Mata ku mu nyeshuri mukuru (high school senior) na buri mwaka kugeza urangije koleji.
- ✓ Gusaba ishuri kuri koleji yemewe muri Indiyana nk' umunyeshuri mukuru (a high school senior), kandi ukaniyandikisha nk' umunyeshuri mukuru uhoraho (full time high school senior) uhoraho mu mwaka umwe urangirizamo amashuri yisumbuye (high school).
- ✓ Gukomeza kugira igipimo cy' amanota ashimishije (Satisfactory Academic Progress- SAP) cyashyizweho n' ishuri.
- ✓ Kurangiza amakeredi 30 buri mwaka uri muri koleji kugira ngo ugume mu murongo wo kubona diporome (degree) yawe ku gihe.

Saba ku rubuga(online) kuri Scholars.IN.gov kandi utange ibi bikurikira:

- ☐ Nimero y' ubwiteganyiriza (Social Security) Number, itariki y' amavuko na aderesi.
- ☐ Nimero y' ubwiteganyirize y' umubyeyi/ umurera cyangwa nimero utangiraho umusoro, niba bishoboka (if applicable).
- ☐ Imbumbe y' amafaranga abo mubana mu rugo bose bakiriye muri 2021. Niba usaba nyuma ya tariki ya 31 ukuboza 2022, koresha imbumbe y' amafaranga yakiriwe muri 2022.
- ☐ Aderesi imeyili ikora(Ushobora kubona imeyili y' ubuntu kuri Yahoo.com, Gmail.com, Hotmail.com, and Live.com).

Imbonerahamwe ya **21st Century Scholars Program (2022-2023) y' uko amafaranga yakiriwe**

Umubare w' abagize umurya ngo	Amafaranga yose mwakiriye mu mwaka
2	$33,874
3	$42,606
4	$51,338
5	$60,070
6	$68,802

Kuri buri muntu wiyongereye mu muryango ongeraho$8,732.

Scholars@che.IN.gov

1-888-528-4719